



Inyigisho y’Umwepiskopi mu Misa yo gushyingura Padiri Gilbert TWAHIRWA

Ruhengeri, 28/3/2018

Amasomo: Iz 25, 7-9; Rom 8,31-39; Yh 6,37-51

“Icyo Data ashaka, ni uko ubona Mwana wese akamwemera, yagira ubugingo bw’iteka, maze nkazamuzura ku munsu w’imperuka” (Yh 6,40).

Bavandimwe,

Nkuko mubizi mu ijoro ryo kuwa 24/3/2018 Padri Gilbert yatuvuyemo. Diyosezi ya Ruhengeri ibabajwe cyane n’urupfu rwe. Muri iyi myaka ibiri byari byaragaragaye ko afite uburwayi. Abaganga bamuhaga imiti imufasha tukabona bigenda neza, agakora neza ubutumwa bwe bwo kuyobora ishuri ryacu ry’imyuga ETEFOP ndetse no gufasha mu Misa z’icyumweru muri Paruwasi ya Busogo abifanije no kwiga muri Kaminuza ya Kigali ikorera hano ku Musanze. Byose yabikoraga atuye mu rugo rw’Umwepiskopi. Usibye ko we agomba kuba yarabyiyumvagamwo, akabigaragaza ndetse akabivuga cyane cyane mu ntangiriro z’uyu mwaka, twe uko twamubonaga ntawashoboraga gutekereza ko ubwo burwayi bwamuhitana vuba gutya. Nkuko byavuzwe mu ntangiriro, atabarutse akiri muto (imyaka 48). Cyari igihe cyo gukorera Imana n’abayoyi ahuza imbaraga n’ubunararibonye. Ariko ni uko Imana yabyishakiye. Aha ni ho turushaho kumva ko iwacu atari hano. Kuri iyi si turi abagenzi. Umunsu n’isaha tuzava muri ubu buzima bizwi n’Imana yonyine. Yezu ati: “Nuko rero murabe maso, kuko mutazi umunsu n’isaha” (Mt 25,13).

Aho gusanga Imana tuyigisha impaka tuyisaba kwisobanura, nimureke tuyigane ngo iduhumurize dusubira muri aya magambo y’umuririmbyi wa Zabubiri tugira tuti: “Imana ni yo niyambaza, ndayitabaza, Imana ni yo niyambaza, kandi iranyumva. Igihe ndi mu kaga, ndangamira Uhoraho, mutegera amaboko ijoro ryose, ubutarambirwa, mbona ko nta kindi cyampana” (Zab 77,2-3).

Umuryango w’Imana uri mu Ruhengeri wifatanije n’umuryango avukamo, incuti ze n’andi bese bamumenye bahujwe n’ubutumwa kandi urashimira abantu bese bawubaye hafi muri ibi bihe bikomeye.

Imana yishakiye ko muri iki cyumweru gitagatifu, mu gihe duhimbaza ibabara, urupfu n'izuka by'Umwami wacu Yezu Kristu ari bwo duherekeza umuvandimwe wacu, umusaserdoti w'Imana: Padri Gilbert. Turamuherekeza mu kwemera no mu kwizera kwa gikristu. Twemera ko urupfu rudafite ijamba rya nyuma, twemera ko urupfu rwatsinzwe ruhenu kuko Kristu yazutse mu bapfuye akaba azasangiza abe ikuzo ry'izuka. "Nkuko twemera ko Yezu yapfuye kandi yazutse, ni na ko abapfuye bamwizera, Imana izabazura maze ikabashyira hamwe na we" (1Tes 4,14).

Duteraniye hano mu Ngoro y'Imana ya Katedrali ya Ruhengeri kugirango duture Imana isengesho risumba ayandi yose: Misa ntagatifu, tumusabira. Imana igirire urukundo rwayo imubabarire ibyaha bye maze imwakire mu bayo. Turanasabira umuryango we mugari gukomera ku murage w'ukwemera, ukwizera n'urukundo.

Ijambo ry'Imana tumaze kumva riratuyobora muri iri sengesho ryacu. Imana dutakambira ni Umubyeyi udukunda kandi uhorana imigambi yo kuduhunda ibyiza nkuko Umuhanuzi Izayi yabitwibukije. Uhoraho azigamiye abe ibyishimo bidacubangana. Iwe ni umudendezo, nta nzara, nta nyota. Yezu ati: "Ufite inyota nansange anywe. Unyemera, nk'uko byanditswe, imigezi y'amazi atanga ubugingo izamuvubukamo" (Yh 7,37-38). Uri kumwe n'Imana ntacyo ashobora kubura kuko Imana yacu ifite ububasha bwo gukiza, gusubiza amahoro abayabuze, guhanagura amarira y'abarira, guhumuriza abihebye. Ifite imbaraga zo gucagagura umwenda wari ubambitse hejuru y'imiryango yose, n'igishura cyari cyoroshe amahanga yose (Reba Iz 25,7s). Muri Yezu wazutse Imana ihanagura amarira ku maso yose ikomora ibikomere byacu byose. Hamwe na we tunyura ahakomeye twemye.

Ibyo ni byo Pawulo Mutagatifu yumvise maze ataraka mu byishimo. Uri kumwe n'Imana koko ntacyamukura umutima. Uri kumwe n'Imana nta cyamuhungabanya. Ni iki cyadutandukanya n'urukundo rwa Kristu? Ibyago se, agahinda se, ibitotezo se, inzara se, ubukene se, imitego se, cyangwa inkota? ... Nyamara muri ibyo byose turatsinda kakahava, tubikesha uwadukunze. Ntacyadutandukanya n'urukundo Imana idukunda muri Kristu Yezu Nyagasani (Reba Rom 8,31s). Ni muri uko kwizera kw'abana b'Imana dutura Imana isengesho ryacu dusabira nyakwigendera Padri Gilbert.

Bavandimwe,

Tuzi neza ko uyu muvandimwe duherekeje yunze ubumwe na Kristu muri batisimu, yegurira Imana ubuzima bwe mu busaserdoti bwa gitumwa muri Kliziya. Yaranzwe n'ukwemera gushyitse. Yarwaniye ishyaka Kliziya gatolika. Yahoraga yiteguye guha igisubizo umuntu wese wagira icyo yibaza ku byerekeye ukwizera kwe (Reba 1 Pet 3,15) akabikorana ubwitonzi n'urukundo ariko ataryamiye ukuri. Yifuje cyane gusangira n'abe ubuzima yakiriye akanyurwa. Yitaga cyane ku murimo ashinzwe akitangira atizigama abo ashinzwe arangwa no guhanga udushya. Yakurikiye Yezu atoza n'abo atumweho gukurikira Yezu waje kuzuza ya gahunda idakuka ya Se yo kuduhunda ibyiza ku buntu twumvise mu gitabo cy'umuhanuzi Izayi. Yezu ati:

“Icyo Data ashaka, ni uko ubona Mwana wese akamwemera, yagira ubugingo bw’iteka, maze nkazamuzura ku muni w’imperuka” (Yoh 6,40).

Padri Gilbert yaranzwe n’isengesho, atungwa n’Ijambo ry’Imana kandi araryamamaza, atanga kandi atungwa n’amasakramentu akiza cyane cyane isakramentu ry’Ukaristiya. Yabaye umugabuzi w’ibyiza by’ijuru muri rusange n’umugabuzi w’umugati w’ubugingo ku buryo bw’umwihariko. Uwo mubiri we Yezu atanga kugirango isi igire ubugingo ni Ukaristiya Ntagatifu duhabwa tukagira ubuzima (Reba Yh 6,50-51).

Mu gihe yari arembye, nyakwigendera Padri Gilbert yasuwe n’abapadri benshi, abo mu muryango we n’incuti ze. Nagize amahirwe yo kumugeraho mu masaha ye ya nyuma dusangira isengesho (Sinari nzi ko ari bwo bwa nyuma). Usibye ko atari agishobora kuvuga, mu kwikiriza yaritsaga. Mu kumuragizaga Imana nkuko Kliziya gatolika ibiteganya namuhaye n’ugusigwa kw’abarwayi. Hari ibimenyetso bibiri byagaragaje ko agiye ari kumwe n’Imana. Icyamba mbere ni uko n’ubwo yari afite intege nke yashoboye kuzamura ukuboko atega ikiganza ngo musige amavuta y’abarwayi. Ni ikimenyetso cy’uko yavuye muri ubu buzima yizeye Imana kandi yiteguye kwakira ibyiza byayo. Icyamba kabiri ni uko akabaraga yari asigaranye mu kuboko kumwe yagakoresheje akora ikimenyetso cy’umusaraba ku izina ry’Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Yatabarutse amaze kwirundurira mu Butatatu Butagatifu. Ibi biragaragaza ko yagiye yiteguye.

Uyu muni mu kumusezeraho bwa nyuma, turamusabira ku Mana twisunze umubyeyi Bikira Mariya, Umwamikazi wa Fatima waragijwe Diyosezi yacu. Amasengesho dutura Imana tumusabira namugirire akamaro, akire umwenda we wose maze asenderezwe ibyishimo bidashira.

Nyagasani muhe iruhuko ridashira, umwiyerere iteka, aruhukire mu mahoro. Amen.

+Vincent HAROLIMANA

Umushumba wa Diyosezi ya Ruhengeri